REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISTERI Y'URUBYIRUKO
N'IMIKINO
B.P. 1044 KIGALI

## KWITA KU RUBYIRUKO RUTAGIYE MU MASHULI.

### IGICE CYA MBERE : AMATEKA YA MINISTERI Y'URUBYIRUKO N'IMIKINO MULI MAKE

Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ntiyashinzwe igihe u Rwanda rwaboneye ubwigenge nk'uko izindi nyinshi zashinzwe muli icyo gihe.

Nyuma y'imyaka itanu u Rwanda rwigenga, ni ukuvuga muli Nyakanga 1967, Ministeri y'Ingo n'Imizamukire y'Abaturage aliyo yitwa Ministeri y'Imibereho myiza n'Imizamukire y'Abaturage yashyizeho ubwa mbere ibiro bishinzwe urubyiruko byagombaga kwiga ibibazo by'urubyiruko no kubishakira ibisubizo.

Ilyo shami lishinzwe urubyiruko liteganya ingendo zo gusura urubbiruko kugirango limenye ibibazo urubyiruko ruzahura nabyo mu gihe kizaza. Bahereye kuli ibyo bibazo bakoze programu za mbere zo kurera no kwita ku rubyiruko. Ibyo bakuye muli izo ngendo byujujwe mu w'i 1969 n'anketi yakozwe ku byerekeye urubyiruko ruzerera nta kazi n'ububandi mu Rwanda; iyo anketi yasabye ko ishami lishinzwe urubyiruko ryatera imbere.

Mu w'i 1971, ibiro bishinzwe urubyiruko lyarongerewe biba Ishami Likuru lishinzwe Urubyiruko n'Imikino (Direction de la Jeunesse et des Sports)

Kuwa 21 Gashyantare 1972, hashyizweho Sekretariya ya Leta ishinzwe urubyiruko n'Imikino. Yali igamije gushyiraho no guteza imbere amashyirahamwe agamije imizamukire y'urubyiruko mu mibereho myiza, mu bukungu no mu bukolikoli.

Sekretariya nkuru ya Leta yali ifite : ishami likuru, na lyo likagira ibiro bitatu. Ubwo yashatse abakozi bayo ba mbere, bajya kwihugulira i Murambi mu gihe cy'amezi 9, babona kwoherezwa muli za Prefegitura.

Kuwa 1 Kanama 1973, nibwo hashyizweho Ministeri y'Urubyiruko ifite ibi bice mu bireba urubyiruko : - Ishami likuru (Direction Générale)
- Direction
- 3 Divisions
- Ibiro 6

Kugirango haboneke abakozi bita ku rubyiruko, Ministeri yakoresheje : ihugurwa ly'abayobozi b'urubyiruko n'Imikino muli Komini,
- inama ihuza abayobozi b'imishinga y'urubyiruko.

Mu w'i 1976, ibyiciro bigize Ministeri biragabanywa n'ababitegeka. Abakozi baho bo mu makomini bashyizwe mu maboko y'ubutegetsi bwa Komini, aliko ntiyatezutse kureba imikorere yabo, kubahugura,ndetse nyuma yohereje mu masuprefegitura abayobozi b'urybiruko n'imikino.

Kuva mu mwaka w'i 1979, Ministeri yagerageje ubulyo bushya bwo kwigisha no kwita ku rubyiruko ali bwo gukora amashyirahamwe. Igeragezwa lya mbere ly'ikigo kigamije kurera no guhugura urubyiruko kikanatsura amashyirahamwe (chantier) lyabereye i Gikongoro mu 1979, ilya kabili libera i Gisenyi mu 1980 kugeza mu 1981 ilya gatatu liracyakomereza i Byumba.

Muli Mutarama 1981, indi nama yongeyeye kwerekana akazi umuyobozi w'urubyiruko n'imikino ashinzwe mu cyaro.

## IMILIMO MINISTERI ISHINZWE

### 1) Amabwiliza y'Urubyiruko

Ibyo Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ishinzwe bikubiye muli Manifeste no mu ijambo ly'abategetsi ba Republika ya mbere n'iya kabili. Izo nyandiko ni nyinshi kandi zikubiyemo byinshi, gusa twe twahisemo zimwe na zimwe zivuga amabwiliza yagilira akamaro urubyiruko rw'u Rwanda.

a) Manifeste ya M.D.R Parmehutu n° 4 mu gice cya 6 cyerekeye urubyiruko rutize iragira iti :

- M.D.R. Parmehutu izafatanya na Leta n'abandi bose bashakira urubyiruko inzira izatuma rushobora kwibeshaho kandi rukazamura n'igihugu cyarwo mu bwitonzi, rutinenaguza imilimo y'amaboko.
- Ishyaka rigomba gufatanya na Leta gushaka uko amashyirahamwe yashyirwaho; yo agamije kwiga no gushakira ibibazo by'urubyiruko ibisubizo.
  Izatera inkunga abagiraneza bashinga ibikorwa bigamije guteza imbere urubyiruko.
- Ishyaka rirasaba Leta gufasha urubyiruko gushinga za Koperative.
  Mu nama zose z'ishyaka ziga ibibazo byo guteza igihugu imbere, urubyiruko rugomba kuba rufite abaruhagaraliye kuva mu rwego rwa segiteli kugeza mu ntera y'igihugu cyose.
- M.D.R. Parmehutu izakora uko ishoboye kugira ngo urubyiruko rwize n'urukili mu mashuli rufashe urutalize, abantu bakuru batazi gusoma no kwandika n'abandi bose bavuye mu mashuli kugira uruhali mu guteza igihugu imbere.

.../...

b) Umukuru w'Igihugu Nyakubahwa Jenerali Majoro HABYARIMANA Juvenali, muli diskuru ze, yavuze ku bulyo busasanuye intego ya Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino. Mu gihe yashyizeho Leta ya Mbere, yavuze ibi bikulikira : "Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ishinzwe kureba ukuntu Urubyiruko rwagira uruhare mu guteza imbere igihugu.
Izibanda cyane cyane ku burezi ngerora-muco no gutegulira aho rutuye, mu majyambere y'igihugu; niyo mpamvu bagomba kuruha inyigisho z'ifatizo mu buhinzi, mu bukolikoli, no mu gushinga za Koperative.
Iyo Ministeri izita no ku myidagaduro y'urubyiruko rutize, ali urwo mu cyaro ali n'urwo mu migi.
Izavuga ko yageze ku cyo ishinzwe igihe izaba yarakanguye urubyiruko rwa buli Komini."

Ahandi, Manifeste ya M.R.N.D y'uwa 5 Nyakanga 1975 iravuga iti : Izamuka ly'icyaro ligomba gukorwa ku bulyo urubyiruko rwumva ko rufitemo uruhali runini"

Mu ijambo lye lyo kuwa 5 Nyakanga 1978, Umukuru w'Igihugu yavuze ibikulikira ku byerekeye urubyiruko : "Ministeri y'Urubyiruko igomba gusanga urubyiruko aho ruli hose. Icyo gihe izafatanya na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu cyane cyane n'abategetsi ba Komini, kuko iyo hali igikorwa gikorerwa mu baturage, kigomba kugira umwanya muli plan yose y'amajyambere, no mu bikorwa bya Komini".

Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino igomba kumenya ko ishinzwe mbere na mbere urubyiruko rutize n'urutararangije amashuli,rufite hagati y'imyaka 10 na 24, ni ukuvuga abafite icyo bakora n'abatagifite.

Ibarura lyabaye mu w'i 1979 lyagaragaje ko umubare w'urubyiruko usaga 1.335.071. Urwo rubyiruko ni urutunzwe n'ubuhinzi, ubworozi, no gukorera amafaranga.

## 2) <u>IBIBAZO BY'INGENZI BY'URUBYIRUKO</u>

Urubyiruko rutize ruhura n'ibibazo byinshi; muli byo, ibikomeye biterwa n'imiterere y'umutungo w'igihugu n'umuco. Muli ibyo bibazo twavuga :

a) <u>Ubujiji</u>

Umubare w'abiga mu Rwanda ni muto cyane, ubwo rero umubare w'abatalize ni munini cyane, ukaba ubumbye abato n'abakuru. Ivugururwa ly'amashuli liteganya kwigisha abana (100%); ibyo bigakorwa buhero buhero bitewe n'umutungo muke w'igihugu. Kutajijukirwa bituma urubyiruko rutagira icyo rwunguka mu mibereho yo mu cyaro. Abana baravuka, bagakulira mu cyaro, bakigishwa n'ababyeyi babo ubulyo bushaje bwo gukora butanga umusaruro mukeya. Abashobora kubaha inyigisho z'iremezo z'ubulyo bushya bwo gukora ni bake cyane mu cyaro.

.../...

b) Ubukene n'ubuke bw'akazi gutanga amafaranga

U Rwanda ni igihugu gishingiye ku buhinzi, aliko abaturage ntibagifite amasambu ahagije. Urubyiruko, kuko rutabona akazi mu buhinzi, rwilirwa mu cyaro. Urwiyemeje kujya mu mugi gushaka akazi karuha amafranga narwo rurakabura kuko imishinga ili mu migi idashobora gukoresha abantu bose batabonye akazi mu buhinzi. Icyo gihe ntibaba bagishoboye gusubira mu milyango yabo, ntibaba barabonye akazi kabahesha ibyo bakeneye, ubwo baliheba bagacika intege.

c) Ubwinshi bw'abaturage

Abato nibo ba mbere bashegeshwa n'ibibazo by'ubwiyongere bw'abaturage : imilima mike ihali yafashwe n'abantu bakuru, naho akazi gatanga amafranga ni ak'abantu bize.
Ingo nyinshi zituwemo n'abantu benshi zibeshwaho no guhinga akalima kadahagije, abato bakabona ibyo bakeneye bya ngombwa bibaruhije cyane.

Kwita ku rubyiruko no kurwigisha birakomeye cyane kubera ko umubare wabo usumba kure umutungo w'igihugu. Ikibazo gikomeye ni icyo mu gihe kili imbere, igihe urubyiruko ruzashinga ingo zarwo amaze utulima tudahagije ubu ababyeyi batunze, bakagomba kutubagabanyamo udupande dutoya cyane.
Ubuzima bwabo mu gihe kili imbere ntibufashije.

d) Kwitabwaho (encadrement)

Mu gihe cyo hambere, umwana yali uwo umulyango akarerwa na bakuru be bose. Icyo gihe, urubyiruko rwagiraga ibibazo bike kuko rwakuliraga mu mulyango rwiga umuco n'imilimo yo gutunga urugo.
Aho imico ya kizungu iziye, ubumwe bw'umulyango burasenyuka kubulyo n'abana banze itegeko ly'umulyango. Haduka uburyo bushya bwo kwidagadura nk'amasoko, utubali, amangazini urubyiruko rukajya ruhilirwa ntacyo rukora.
Iyo abana bageze mu kigero cyo gukora ntibashyigikirwe n'ababyeyi babo, abo bana bakora uko bashoboye bakishakira ubulyo bwabo bakwirwanaho. Bamwe balihalika, abandi bishakira akazi hafi y'imuhira, abandi bagafata inzira igana imigi.

Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ishinzwe kwita no kwigisha urubyiruko ubushobozi buhagije bwo gushaka ubundi bulyo bushya bwo kurwitaho, amaze rukagira icyizere cy'ubuzima buzira umuze.

GUSHAKA IBISUBIZO KU BIBAZO BY'URUBYIRUKO

1. Uko urubyiruko ruteye

Hakozwe ishakashaka kugirango barebe ubulyo bwafasha urubyiruko bashake impamvu zitera urubyiruko ibibazo no gukora plan bakulikije ibyifuzo n'ibikenerwa n'urubyiruko.

.../...

a) Anketi ya mbere yakozwe mu w'i 1969 ku byerekeye ubuzererezi n'ubujura mu Rwanda (MINASODECO) kugirango bereke abategetsi uko icyo cyorezo giteye, uko kizaba kimeze mu gihe kili imbere, n'imiti bavuza icyo cyorezo.
Raporo y'iyo anketi yatanze igitekerezo cy'uko inzego zishinzwe urubyiruko zakwiyongera zigahabwa ubushobozi buhagije bwo kuruzahura vuba kugirango mu gihe gitaha bitazaba umwaku.

b) Anketi ya 2 yakozwe mu w'i 1977 ku byerekeye urubyiruko rw'u Rwanda rwirukira mu migi.
Iyo umuntu arebye, asanga urubyiruko rujya mu migi ali rwo ruke ku rujya mu tundi turere duhingwamo, no mu mahanga.

c) Iya 3 igice cya mbere cyize imilimo y'urubyiruko mu Rwanda (1981) Iyo Anketi yali ifite akamaro gakomeye kuko yali igamije kumenya ibyifuzo by'urubyiruko rw'ahantu hose (mu Rwanda), hamwe n'urwo rubyiruko, bagashaka inzira nshya yababera isoko y'akazi.
Ikibazo urubyiruko rufite ahanini ni ukwigishwa imyuga no kubona akazi, ishakashaka lizereka Ministeri ukuntu yakora yerekeza ibikorwa byayo mu nzira y'amajyambere.

d) Raporo eshatu z'ubutumwa bwa Bwana Jean Michel Bazinet mu Rwanda, umujyanama mukuru w'imishinga y'ibigo biharanira amajyambere muli Komini, niy'ibigo by'urubyiruko muli programu yayo (Ministeri) yanononsorwaga.

## 2. <u>Inama zerekeye urubyiruko</u>

a) <u>Inama y'abagenga imishinga y'urubyiruko</u>

Mu w'i 1975, Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yakoresheje ikoraniro lya mbere ly'abayobozi b'imishinga y'urubyiruko. Iyo nama yali igamije kwiga ukuntu urubyiruko rwagira uruhali mu guteza igihugu imbere, no guhuza ibikorwa by'abagamije umugambi umwe no guteza urubyiruko imbere.
Iyo nama yagombaga kwereka Ministeri ukuntu yashyiraho ibikorwa bisubiza ibibazo by'urubyiruko.

Inama ya mbere yatanze ibyifuzo, ibya ngombwa bitya mu magambo make :

1) Ku byerekeye ubwiyongere bw'abaturage, imwe mu mpamvu zikomeye zituma urubyiruko rugira ibibazo, inama yasabye Leta (gouvernement) kwihatira guteza imbere kugira ngo irwanye ingaruka mbi z'ubwiyongere bw'abaturage, kumvisha abaturage iyo ngorane (y'ubwinshi bwabo) bakajya bashyingirwa bakuze kandi bakabigisha ubulyo bakoresha kugirango batazabyara indahekana.
2) Ku itungwa ly'imilima, inama yasabye ko hakorwa imsinsiro mu cyaro bigatuma imilima ibumbirwa hamwe, igashyirwa mu mabeko y'abashoboye kuyihinga, ubuhinzi bukavugururwa, ubulyo bwo kubika umusaruro bukavugururwa, bagashyigikira abakorera hamwe, bagahinga ibishanga, hakavuka n'indi milimo itali iy'ubuhinzi.

.../...

3) Ku byerekeye guta umuco no kujya mu migi, inama ya mbere yasabye ko insisiro zo mu byaro zagira umusaruro uhagije zigasagulira n'amasoko, kujya imbere mu byerekeye umuco, imibanire y'abantu, ubukolikoli ku bulyo imigi italyamira ibyaro.
Yasabye ko hashyirwaho ibiciro bitalyamira ibisarurwa mu byaro, imishahara y'abahinga igasubirwaho kugirango urubyiruko rureke kwirukira mu migi. Inama yasabye ko Leta yashyigikira inzira ituma ubukungu bukwizwa abantu bose ku bulyo bulinganiye, igashyiraho amabwiliza ahamye mu kuvugurura ubuhinzi igashyiraho ibyemezo mu gutanga inkwano, no kuvugurura uburezi mu mashuli.

4) Ku byerekeye ubulyo bwo kubumbira hamwe, kwigisha no kwakira urubyiruko mu bikorwa bigamije gutsura amajyambere, inama yasanze ubulyo bwa CARA (plan y'ibikorwa bya Komini cyangwa ibigo bitsura amajyambere muli Komini CCDFP) ali bwo bushobora gukangura urubyiruko, Leta ikazakwiza (CARA) buhoro buhoro mu duce twose tw'igihugu.
Iyo nama yasabye Leta gukulikira ubwo bulyo muli plan itsura amajyambere mu byaro, ikigisha vuba ba animateli b'uwo mushinga, igashinga muli Komini imwe ya buli Prefegitura uwo mushinga ntangarugero, igashyiraho urwego rushinzwe gukulikirana iyo mishinga aho ili hose.

Bitewe n'uko ubwo bulyo bwa CARA butashoboraga kwigisha no kwita ku rubyiruko rwose rw'u Rwanda, inama yashinze Leta gushyigikira amasjyirahamwe y'urubyiruko.

5) Ku byerekeye ubusinzi n'urumogi, inama yasabye Leta gukaza ibihano by'abasinzi n'abanywa urumogi kugirango bahagalike ingaruka mbi z'ubusinzi, banitegure kurwanya urumogi hakili kare.

b) <u>Inama y'abayobozi b'urubyiruko n'imikino muli Prefegitura no muli Suprefegitura</u>.

Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ikulikije umugambi wa Prezida wa Republika w'uko abategeka n'abategekwa bajya bahura kenshi yashyizeho itegeko ly'uko abayobozi b'urubyiruko muli Prefegitura bagomba guhura kabili mu mwaka bagakora inama.

Mu w'i 1981, abakozi ba Ministeri, abahanga baturutse muli Kanada (les coopérants du service universitaire canadien d'outre-mer), abayobozi b'urubyiruko n'imikino muli Prefegitura n'abo muli Suprefegitura bahuliye i Kavumu (Nyabisindu) basasanura akazi k'inzego zose zishinzwe urubyiruko.

Ingingo zikomeye zo mu myanzuro y'iyo nama ni izi :
<u>Ibigamijwe n'urwego rushinzwe kwita ku rubyiruko</u> :
Ibyerekeye guhugukira kugira umusaruro ugaragara (formation-production).

.../...

Ubu hali ubulyo butatu bwo guhugura urubyiruko : mu bigo by'urubyiruko, ibigo bigamije kurera no guhugura urubyiruko bikanatsura n'amashyirahamwe yarwo, hakorerwa ihugurwa ly'igihe gito, n'ihugurwa ly'abagize amashyirahamwe, ihugurwa ligaruka : (formation cyclique). Buli bulyo bugamije guha urubyiruko rutize uruhali mu majyambere y'igihugu.

- Ibigo by'urubyiruko bigomba kwibanda ku ihugurwa ly'abagize amashyirahamwe boherejwe n'ishyirahamwe lyabo babigiliwemo inama n'umuyobozi w'urubyiruko w'ako karere.
- Mu bigo bigamije kurera no guhugura urubyiruko bigatsura n'amashyirahamwe yarwo, uretse ihugurwa ly'igihe gito n'ibikoresho by'iremezo ruhabwa, bagombye gukulikirana uko rukoresha imfashanyo rwahawe, n'uko rwiyungura ubwarwo.
- Ihugurwa ly'amashyira amwe lyagombaga guteganya ibituma ayo mashyirahamwe agira umusaruro ugaragara.

  uko guhugura uko ali ugutatu, gufite ubwoba bw'imisarulire y'urubyiruko nyuma y'ihugurwa.

Igabagabanya ly'imilimo

Muli iyo nama hasobanuwe imilimo abayobozi b'urubyiruko muli Prefegitura no muli Komini bashinzwe.

Kugirango imilimo yashinzwe buli rwego izajye mu bikorwa, hashyizweho ubulyo bwo kugenzura akazi gashinzwe buli rwego. Iyo nama yarebye na none imilimo yagikorerwa mu mashyirahamwe atagengwa na Leta, bareba ukuntu Ministeri yakorana hamwe n'ayo mashyirahamwe.

d) Inama z'urubyiruko mu turere

Inama z'urubyiruko mu turere zigamije kwiga ubulyo urubyiruko rw'u Rwanda rwabona akazi. Bifashishije kwungurana ibitekerezo n'urubyiruko, bagombaga kwereka urubyiruko ibibazo by'ingutu byo mu buzima no kubwiga bakabinononsora. Izo nama zagombaga kurwigisha no kuruhugura, zikanategura ibibazo bizigirwa mu nama ya 2 y'abashinzwe urubyiruko mu rwego rw'igihugu cyose yabaye mu gushyingo 1982.

Igice cya kabili :

Kwigisha

Igikorwa cyo kwigisha urubyiruko, Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yagitangiranye n'ishyirwaho lya Sekretariya ya Leta ishinzwe urubyiruko n'imikino mu w'i 1972, yabaye Ministeri mu w'i 1973.

.../...

Ministeri yabanje kwigisha abakozi bayo izohereza mu nzego zayo zikorana n'urubyiruko. Mu w'i 1973, mu kigo cy'i Murambi, higishijwe abayobozi b'urubyiruko n'imikino 17 bo mu ma Prefegitura 3 mu mezi 7. Buli Prefegitura ihabwa umuyobozi w'urubyiruko n'imikino, abasigaye bamwe baba abafasha babo, abandi bahabwa akazi muli Ministeri. Mu w'i 1974, higishijwe abashinzwe urubyiruko muli Komini 144 mu mezi 3, nuko muli uwo mwaka, buli Komini ihabwa umuyobozi w'urubyiruko. Mu w'i 1981, habaye ihugurwa ly'abashinzwe urubyiruko bose i Kavumu, babifashijwemo na Ministeri y'Abakozi ba Leta n'Imilimo, n'ikigo cy'i Murambi.
Kugirango buzuze umubare w'abarezi b'urubyiruko bakorana narwo, w'abayobozi b'ibigo by'urubyiruko, n'uw'abayobozi b'urubyiruko n'imikino muli za suprefegitura, u Bubiligi bwatanze amafaranga azakoreshwa mu ihugurwa ly'abantu 40 (abakobwa n'abangu) lyamaze amezi 9.
Ministeri yizeye kuzagira abakozi bo mu rwego rwo hagati (cadres moyens) bahagije ilyo hugurwa lirangiye (mu kuboza 1982).

Programu yakulikijwe n'abayobozi b'ibigo by'urubyiruko n'abayobozi b'urubyiruko muli za Suprefegitura i Kavumu Nyabisindu kuva taliki 15 Werurwe kugeza kuli 31 Ukuboza ikulikira ni nk'iyakulikijwe i Murambi kuva mu 1979.

| IBYIGISHWA | Igihe mu masaha | |
|---|---|---|
| | Amasaha agenewe | Yose hamwe |
| A) Ubumenyi mu by'imyuga | | |
| 1. Ubuhinzi | 60 | |
| 2. Ubworozi | 60 | 190 |
| 3. Ubukolikoli | 70 | |
| B) Inyigisho zerekeye ubukungu no guhugukira amajyambere | | |
| 1. Ubukungu bw'iremezo | 60 | |
| 2. Gucunga no kubara umutungo | 120 | 320 |
| 3. Guhugukira amajyambere rusange | 80 | |
| 4. Ibyerekeye imitulire n'ubwingere bw'abaturage | 32 | |
| c) Inyigisho zerekeye imibanire y'abantu n'uburezi | | |
| 1. Imiterere y'abantu | 80 | |
| 2. Kuyobora amateraniro y'abantu n'ubulyo bwabyo | 60 + 60 | |
| 3. Anketi mu mibereho y'abantu | 60 | 524 |
| 4. Ubuhanga bwo kwigisha | 80 | |
| 5. Amasomo ntangarugero no gusura ibigo by'urubyiruko | 80 | |
| 6. Uburere mu gukorera no gukunda igihgu | 40 | |
| 7. Isuku | 32 | |
| 8. Ubutabazi | 32 | |

.../...

Mu gihe bigishaga abo barezi, Ministeri yubatse, inashigikira ibigo byigisha urubyiruko rutize n'urwirukanywe mu mashuli. Ibigo by'urubyiruko bigengwa na Ministeri ubu ni 6 : GACULIRO, MASAKA, SHYOGWE, KABARE, KARAGO na NDAGO, ibyo ifasha ni 36.

Ibigo byashinzwe n'abishyirahamwe mu turere, n'abagiraneza (promoteurs bénévoles).

Birashimishije kubona Leta n'abandi bumva ingorane sihura n'urubyiruko rutize n'urwirukanywe mu mashuli barahagurukiye kurwanya ibibazo by'urwo rubyiruko.
Hilya no hino mu gihugu, bihatiye kuhashyira inyigisho zafasha urubyiruko kuzirwanaho mu buzima. Bitewe n'uko buli kigo gitanga inyigisho zikulikije ibikoresho zifite, abalimu, n'imiterere y'akarere kilimo, Ministeri yasanze atali byo kubaha programu imwe y'inyigisho yakulikizwa hose kugira ngo batabaca intege. Kugeza mu w'i 1978, uretse bya bigo byarondowe haruguru, Ministeri yarebaga ibigo bikulikira : CEDECOS - C.A.J.K. (Kanombe) - RULI - NYAMIRAMBO - BUTAMWA - MASANGO - KEBERO - MUGUSA - MBAZI - NYANTANGA - NYAKABUYE - TYAZO - KABONA - KISARO - MUGESERA na SAKE byashinzwe n'abagiraneza cyangwa n'abategetsi b'akarere.
Ministeri itanga imfashanyo y'ibikoresho, ikanahemba bamwe mu balimu kugira ngo itere inkunga abashinze ibyo bigo no kugira ngo ishyigikire ubutegetsi bwacyo.
Amabwiliza yahawe ba Prefe n'abayobozi b'urubyiruko muli Prefegitura bashaka gushinga ibigo by'urubyiruko kugirango izabashyigikire.

1. Ibyo uburezi bw'urubyiruko bugamije

Uburezi bw'urubyiruko bugamije kurutoza imilimo, ituma rugumana icyicaro mu cyaro, rukagira uruhare mu kongera umusaruro, rukagilira akamaro igihugu cyose.

2. Ubwo burezi buteye butya

a) Inyigisho ziteganyijwe zigamije gucengeza ubuhanga muli ibi byiciro bikulikira :
- Ubuhinzi n'ubworozi
- Imyuga : ububaji, gukanisha, gusudira, ubucuzi, kudoda imyenda n'inkweto
- imilimo yo mu rugo : gufuma no gutaka, ubuhanga bwo guteka, ubuhanga bw'ibyo mu rugo.
- Ubuhanga bwo kulya neza
- Gufata neza ubuzima bwacu
- Ubuhanga mu by'ubutabazi
- Ubulyo bwo kutabyara indahekana
- Gutoza urubyiruko umuco mwiza, kwongera ubukungu, gukunda igihugu, no kwita ku milimo iyo aliyo yose
- Kumenya amateka y'u Rwanda n'uko ruteye.

Icyitonderwa : Buli kigo kirera urubyiruko kigomba guteganya inyigisho gikulikije ubushobozi bw'akarere kilimo, ali mu bukungu, ali no mu myifatire y'abaturage.

b) Igihe giteganyilije uburezi bw'urubyiruko.
Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yilinze kunoza programu imwe rukumbi yakulikizwa mu bigo byose birera urubyiruko no gushyiraho igihe nshinganwa ubwo burezi bugomba kumara.

.../...

Cyakora, yateganyilije ibigo igenga ubwayo programu ihagaraliye ku myaka 2, aliko nta biruhuko byaciyemo. Ibindi bigo birera urubyiruko bikulikira programu ili hagati y'amezi atatu n'imyaka itatu. Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yanagamije kandi umushinga na programu nshya. Iyo programu iteganya inyigisho zigamije gucengeza imyuga : ubwubatsi, kubaza no kudoda. Iteganya kandi inyigisho rusange urubyiruko rukeneye (umugereka urasobanura neza uwo mushinga wa programu nshya, munatubwire icyo muyitekerezaho).

c) Kwiga bataha

Inama yasanze ko urubyiruko rwize rutaha byoroheje kandi bifite akamaro kurusha urwize rucumbikirwa. Koko kandi, iyo umwana yize ataha iwabo, ibigo ntibizahira abo bavukana. Abana nibiga bataha, ibigo ntibizahibikana biteganya ibikoresho byo kuraramo, n'ibyo kuliramo buli gihe. Nanone abana bazajya bateganyiliza ifunguro saa sita gusa, bakalihabwa ntacyo balishye. Habonetse n'abacumbikirwa, baba mbarwa bitewe n'impamvu zikomeye.

d) Kwemererwa

Mu bigo bigengwa na Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino, ali byo by'i GACULIRO - i SHYOGWE i KABARE - i MASAKA - i KAMAGO - n'i NDAGO, abana bemererwa ntacyo balishye.
Mu bigo bishyigikiwe n'abagiraneza, bikaba biterwa inkunga na Ministeri, byaka amafranga 500 buli gihembwe.

- Abana bakirwa ni abageze mu kigero cy'imyaka ili hagati ya 15 na 17
- Amabwiliza ateganya ko buli kigo byakira abana batigeze mu ishuli cyangwa batakomeje kwiga.

Icyitonderwa : Buli kigo , bitewe n'uko kingana kigira umubare ntarengwa w'abana cyakira icyo bituma haboneka abana benshi babura umwanya.

3. Ibyangombwa bikenerwa (hakenewe iki ? )

a) Abarezi b'urubyiruko : Abenshi bitabwaho na Ministeri, ali ku mushahara n'ibindi. Abandi, aliko bakeya bitabwaho na bene gushyigikira ibigo. Limwe na limwe ndetse bahembwa mu mutungo w'ikigo.

b) Amazu y'ikigo : Amazu menshi yubakwa n'abanyeshuli ubwabo. Imilyango mpuzamahanga nayo itanga imfashanyo yo kubaka amazu amwe n'amwe.

c) Ibikoresho by'ishuli : Ibigo bigengwa na Ministeri bihabwa buli mwaka ibikoresho by'ishuli, hakulikijwe inyigisho zitangwa muli buli kigo. Ibindi bigo byirwanaho. Aliko limwe na limwe Ministeri igerageza kubitera inkunga, ikulikije uko umutungo wayo ungana. Ibafasha rero yishingikilije ibyifuzo byagaragajwe n'uko imfashanyo byifuza yihutirwa.

d) Isambu y'ikigo : Amasambu atangwa na Leta, Komini cyangwa Paruwasi ayo masambu yubakwamo amazu y'ikigo. Ninaho abanyeshuli bakata imilima yo guhingwamo, bakagena n'aho borerera. Iyo bishobotse, urubyiruko rushobora kwibumbira mu isambu yakatiwe ikigo.

.../...

e) Umutungo ukoreshwa mu kigo: Buli kigo kigomba kwihatira kwishakira umutungo gikoresha, byanashoboka kikizigamira mu ma banki. Uyu mugambi ibigo bimwe na bimwe byawugezeho.

4. Urubyiruko rugomba kwiga ibituma rugira akamaro aho rutuye.

Mu bigo bimwe na bimwe, urubyiruko rurangije kwiga rubasha kwirwanaho aho rutuye, ndetse rugaharanira kwongera umusaruro.
Aliko byarushaho kugira akamaro hashyizweho urwego rw'uburezi rushingwe kwita ku rubyiruko rurangije kwiga mu kigo.

UMWANZURO

Ibigo by'urubyiruko bigomba kugira ibikoresho bihagije, bikagira abigisha babyigiye, ku buryo abana batahana uburere bubanogeye. Ibigo by'i Murambi-Kavumu-Gaculiro-Shyogwe-Kabare-Butamwa-Karago-Ngoma-Kisaro bikwiye kujya byakira abakuru b'imilyango n'amshyirahamwe y'urubyiruko, bikabigisha, bikabahugura, Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ifite icyizere cy'uko ibigo by'urubyiruko bizakora uko bishoboye kose kugirango bicengeze mu rubyiruko amatwara yo guharanira.

1° KWIGISHA ABAREZI B'URUBYIRUKO

a) Abahanga ba kabuhaliwe mu by'uburezi bw'urubyiruko
Umulimo wo kurera, abahanga ba kabuhaliwe mu kurera urubyiruko ushinzwe Ministeri y'amashuli makuru n'ubushakashatsi, na Ministeri y'abakozi ba Leta n'imilimo. Icyifuzo cya Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ni uko gutegura impuguke za kabuhaliwe mu kurera urubyiruko bitatezuka umurego.

b) Kurera impuguke zikorana n'urubyiruko
Hali urwego rw'impuguke zigomba gukorana n'urubyiruko, ni rwo rubumba abarezi b'urubyiruko muli Prefegitura, muli Suprefegitura no muli Komini.
Izo mpuguke nazo zikeneye ubuhanga bw'ibanze mu kurera urubyiruko. Ni ngombwa ko umubare w'izo mpuguke wakwiyongera, zigatera inkunga umuyobozi w'urubyiruko, we uhorana buli gihe narwo. Ministeri irateganya nibishoboka kuzahugura abarezi b'urubyiruko bo muli izi nzego zikulikira :

- Abigisha n'abayobora ibigo by'urubyiruko
- Abayobozi bose b'urubyiruko mu turere n'ababungilije (abakobwa n'abahungu)
- Abayobozi bose b'urubyiruko muli za Komini.

c) KWIGISHA ABAKURU B'IMILYANGO Y'URUBYIRUKO N'AMASHYIRAHAMWE YARWO
Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino irateganya gushyigikira no gutera inkunga imilyango n'amashyirahamwe y'urubyiruko ikabahugulira abayobozi babishaka kandi babishoboye.
Mu kubigeraho izabateganyiliza ihuguka lidahwema.

IGICE CYA GATATU : GUHULIZA URUBYIRUKO HAMWE NO KURURERA IBYAGEZWEHO.

N'ubwo inzira ikili ndende, ibyakozwe mu kurera urubyiruko ni byinshi.
Byatangiranye na Republika ya mbere, maze birushaho kwiyongera muli Republika ya kabili, igihe hashinzwe Ministeri yita cyane cyane ku bibazo by'urubyiruko.

.../...

Hali ibikorwa bili mu maboko ya Leta, ibyitaweho n'ubutegetsi bwo mu karere, amadini ndetse n'abantu bamwe ku bwende bwabo. Turasuzuma ibi bikorwa ku bulyo bukulikira :

a) Guhuliza urubyiruko hamwe
   (1) amashyirahamwe y'urubyiruko
   (2) ibigo bigamije kwigisha urubyiruko no guteza imbere amashyirahamwe (chantier des jeunes)

b) Imilyango y'urubyiruko

c) Inzu icurulizwamo ibyakozwe n'urubyiruko (FAJECOP)

d) Imfashanyo zituruka mu mahanga zigamije gutsura ibikorwa by'urubyiruko.

KWIGISHA ABAREZI B'URUBYIRUKO

a) Guhuliza urubyiruko hamwe

1° GUSHINGA AMASHYIRAHAMWE Y'URUBYIRUKO

Mu w'i 1971, niho hatangiye ibikorwa byo kubumbira urubyiruko mu mashyirahamwe agamije kwongera umusaruro. Ayo mashyirahamwe yashinzwe n'abantu ku bwende bwabo, ashingwa ali 49. Sekretaliya ya Leta ishinzwe urubyiruko muli icyo gihe yagerageje gukora uko ishoboye, ishyigikira abantu bali batangije ibikorwa bigamije guteza urubyiruko imbere.

- Mu mhera z'umwaka w'i 1972, hali hamaze gushingwa amashyirahamwe 118.
- Mu w'i 1974, hali hamaze gushingwa amashyirahamwe 615.
- Mu w'i 1975, yali amaze kugera kuli 1.594;

Mu w'i 1976, aliyongera aba 1.761. Uko kwiyongera kw'amashyirahamwe y'urubyiruko tubikesha Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yali imaze gushyiraho abayobozi b'urubyiruko muli buli Komini, ikamushinga akazi ko kwita ku cyateza imbere ibikorwa by'urubyiruko.

- Nyuma Leta yaje kwegulira urwego rw'ubutegetsi bwa Komini abakozi bose ba za Ministeri bali bafite akazi mu ma Komini, ngo buli Komini ibagenera umushahara.
  Haza kuvuka ingorane, izo ngorane ziterwa n'uko Komini zimwe na zimwe zikennye zitabashije guhemba abayobozi b'urubyiruko. Kubura umushahara byatumye abayobozi bamwe bareka akazi, abandi basigaye bakagakora nabi.
  Izo ngorane ziza kugabanuka kuko na none Leta yaje kwemeza mu mpera z'umwaka 1981 ko abarezi b'urubyiruko bahembwa na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu.
  Izo ngorane zose zatumye umubare w'amashyirahamwe agabanuka. Mu mpera z'umwaka 1981, hali hasigaye amashyirahamwe 1.047 (ayo muli Prefegitura ya Gikongoro ntiyabazwe).
  Na none haliizindi mpamvu zatumye umubare w'amashyirahamwe ugabanuka, izo mpamvu ni izi :
  - Kubura amasambu n'ibikoresho bya ngombwa (ibumba, imbaho zo kubaza, ibitambaro, impu n'ibindi)
    Aha tugomba kumenya ko amashyirahamwe menshi ashingiye ku buhinzi, ubworozi n'imyuga.
  - Umusaruro muke; n'ibibonetse bikabura aho bigulishilizwa
  - Dusuzume ubwiyongere cyangwa imigabanukire y'amashyirahamwe kuva mu w'i 1971 kugeza mu mwaka wa 1981.

| Prefegitura | 1971 | 1972 | 1973 | 1974 | 1975 | 1976 | 1977 | 1978 | 1979 | 1980 | 1981 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| KIGALI | 7 | 16 | 30 | 83 | 195 | 195 | 143 | 141 | 109 | 107 | 101 |
| GITARAMA | 10 | 15 | 28 | 106 | 238 | 296 | 212 | 188 | 200 | 128 | 113 |
| BUTARE | 3 | 6 | 19 | 97 | 236 | 275 | 227 | 237 | 172 | 156 | 146 |
| GIKONGORO | 0 | 16 | 24 | 56 | 141 | 145 | 125 | 129 | 114 | 107 | - |
| CYANGUGU | 6 | 15 | 26 | 54 | 145 | 176 | 218 | 209 | 189 | 194 | 179 |
| KIBUYE | 6 | 13 | 17 | 32 | 96 | 89 | 78 | 64 | 59 | 52 | 37 |
| GISENYI | 2 | 2 | 6 | 15 | 73 | 99 | 108 | 105 | 101 | 72 | 75 |
| RUHENGERI | 10 | 14 | 21 | 61 | 147 | 164 | 175 | 132 | 109 | 132 | 133 |
| BYUMBA | 1 | 7 | 15 | 65 | 176 | 172 | 137 | 128 | 119 | 154 | 143 |
| KIBUNGO | 4 | 14 | 24 | 46 | 147 | 150 | 119 | 128 | 122 | 113 | 113 |
| ZOSE HAMWE | 49 | 118 | 210 | 615 | 1.594 | 1.761 | 1.542 | 1.457 | 1.324 | 1.217 | 1.047 |

Kugeza ku italiki ya 30 Ukwakira 1975, amashyirahamwe y'urubyiruko yali 1.594, abumbye urubyiruko rugeze ku bihumbi 43.061; 35.239 ali abakobwa n'abahungu. Urwo rubyiruko ni ibice 2, 5 ku ijana by'urubyiruko rwose rufite hagati y'imyaka 10 na 24, Ibihumbi 7.822 bisigaye bigizwe n'abantu basheshe akanguhe.

Buli shyirahamwe lifite abanyamulyango 27, muli bo 22 bakaba urubyiruko 15 bakaba abakuze. Abo bantu bakunze, kuba abanyamulyango b'amashyirahamwe bituma ayo mashyirahamwe ahama, akagira ireme. Amashyirahamwe alimo abanyamulyango bakuze ararema ayo batalimo.

Ibice 88 ku ijana by'amashyirahamwe bigenera akazi munsi y'iminsi 3 mu cyumweru. Ibyo birerekana ko akazi gakorerwa mu mashyirahamwe bagafata nk'aho atali ko ka ngombwa.

2°) IBIGO BIGAMIJE GUHUGURA NO GUSHYIGIKIRA AMASHYIRAHAMWE Y'URUBYIRUKO

Gushinga ibigo bigamije guhugura no gushyigikira amashyirahamwe y'urubyiruko ni ubulyo bushya bwo kwigisha no guhugura urubyiruko Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yatangiye kuva mu w'i 1979. Ubwo bulyo bushingiye ku nyigisho n'ibikorwa bidahwema.

Ubulyo bw'ibigo bigamije guhugura no gushyigikira amashyirahamwe y'urubyiruko buhuje n'umugambi wa Ministeri wo kwigisha urubyiruko rwinshi no guhugura abakuru b'amashyirahamwe. Ikigo cya mbere cyubatswe mu majyepfo y'igihugu (chantier sud). Cyakira urubyiruko ruturutse mu ma Komini ane yo muli Prefegitura ya Gikongoro, n'abili yo muli Butare. Amafranga yakoreshejwe mu gutunganya icyo kigo yatanzwe n'umulyango mpuzamahanga wita ku buhanga no ku muco (ACCT)

Ikigo cyabanje kwakira, cyigisha abakuru b'amashyirahamwe n'abanyamulyango bake bake. Bize ubulyo bwo guteza ubuhinzi imbere bakoresheje ubulyo bwa kijyambere, bagerekaho iby'ubworozi. Izo nyigisho zamaze igihe cy'ukwezi kumwe, maze urubyiruko rurangije guhugurwa rusubira mu mashyirahamwe yarwo gutunganya amasambu yakebewe amashyirahamwe, gutera ibyatsi by'amatungo, kurwanya isuli, no kubakira amatungo yo korora.

Bene ibyo bigo bigamije kandi guteza imbere amashyirahamwe y'urubyiruko kubulyo biyagira intangarugero mu karere alimo, akagira umusaruro ushyitse kandi akanabonera akazi urubyiruko rwo mu cyaro.

.../...

Ikigo cyo mu majyepfo y'igihugu kigitangira, amashyirahamwe cyateye inkunga yali ateye atya.

| Komini | Umubare w'amashyirahamwe | Umubare w'abanyalyango | Amatungo yatanzwe | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | Inkoko | Inkwavu | Ihene | Ingurube |
| RUNYINYA | 6 | 94 | 3 | 49 | 23 | 0 |
| MUBUGA | 19 | 141 | 52 | 106 | 97 | 8 |
| KIVU | 13 | 67 | - | 43 | 102 | 17 |
| NSHILI | 10 | 178 | 9 | 27 | 31 | 3 |
| NYAKIZU | 7 | 217 | 30 | 146 | 33 | 14 |
| RWAMIKO | 13 | 96 | 65 | 95 | 37 | 7 |

Ubu umubare w'amashyirahamwe n'uw'amatungo waragabanutse cyane. Byatewe n'uko urubyiruko rwakiliwe rwali mu mashyirahamwe ataragira ireme, nyuma agasenyuka. Amashyirahamwe yabashije kurema ni ayali asanzwe mbere y'uko icyo kigo cyo mu majyepfo y'igihugu gitangira imilimo yacyo; akaba yali akeneye gusa inkunga n'imfashanyo ali mu buhanga, ali ukubaha amatungo cyangwa ibikoresho.

Haje kuba imikorere mibi y'imilimo y'ikigo gihugura kikanashyigikira amashyirahamwe y'urubyiruko cyo mu majyepfo y'igihugu.
Ministeri yashatse gukosora amakosa yabaye, ishyiraho akanama kagizwe n'abategetsi bo mu karere, ali aba Leta, ali n'ab'amadini. Ako kanama gashinzwe kugorora imikoreshereze y'umutungo w'amashyirahamwe yabashije guhama.

Ubulyo bwo kubaka ibigo bigamije guhugura no guteza imbere amashyirahamwe y'urubyiruko bwanyuze cyane ubuyobozi bw'umulyango mpuzamahanga wita ku buhanga no ku muco (ACCT). Uwo mulyango waje ndetse kwiyemeza gutanga imfashanyo y'amafranga yo gutangira imilimo y'ikigo cya kabili i Karago ho muli Prefegiture ya Gisenyi.

Icyo kigo gifite amatwara nk'ayacyubatswe mu ma komini 7 yo muli Gisenyi, n'abili yo muli Ruhengeri.

Icyo kigo kimaze kurangiza ihugurwa lya kabili ly'abakuru b'amashyirahamwe. Ministeri yashatse kwilinda kugira ibipfa ubusa ali mu bikoresho, ali no mu matungo ahabwa amashyirahamwe, ibyo byatumye ashyiraho amabwiliza agomba kubahilizwa, ku bulyo imenya neza imiterere ya buli shyirahamwe n'ukuntu yayagilira icyizere.

Imfashanyo izagenerwa amashyirahamwe azaba yiyemeje gutirura iyo mfashanyo nk'uko yayitijwe. Umutungo ugarutse ukazoherezwa gushinga no gufasha andi mashyirahamwe mashya. Umubare w'amashyirahamwe ashyigikiwe n'ikigo cy'i Karago ni aya :

| KOMINI | Umubare w'amashyirahamwe | Umubare w'abagize amashyirahamwe |
|---|---|---|
| GICIYE | 12 | 479 |
| RAMBA | 9 | 119 |
| GASEKE | 9 | 96 |
| MUTURA | 8 | 126 |
| RWERERE | 8 | 107 |
| KARAGO | 5 | 322 |
| KANAMA | 5 | 110 |
| NYAMUTERA | 10 | 105 |
| NKULI | 6 | 66 |
| 9 | 72 | 1.530 |

Iyo mibare irerekana ko ibice 15 gusa kw'ijana by'urubyiruko rw'ayo makomini ali bo bibumbiye, bakanakorera mu mashyirahamwe.
Urubyiruko rwinshi rwo mu karere ka Karago rwatwawe n'umushinga w'icyayi cya KARAGO-GICIYE, RAMBA-GASEKE na PFUNDA. Uwo mushinga urukoresha mu gusarura.

Na none birashimishije kubona wa wamulyango mpuza-mahanga wita ku buhanga no ku muco (ACCT) warujemo ku ncuro ya gatatu ugatanga mu mwaka w'i 1982 imfashanyo y'amafaranga yo gutangiza imilimo y'ikigo cy'iburasirazuba bw'igihugu cyacu (Byumba na Kibungo). Intambwe ya mbere yo guhugulira abategetsi n'urubyiruko kuli uwo mushinga yaratangiye. Indi milimo izakulikiraho bwangu.

Ministeri ntiyatezuka kuli ubwo bulyo bwo gushinga ibigo bihugura bikanashyigikira amashyirahamwe y'urubyiruko, ikabikwiza mu mpande zose z'igihugu cyacu. Izagenda yiga buhoro buhoro ubulyo bwiza bwo gukoresha umutungo uba wagenewe bene ibyo bigo.

b) IMILYANGO y'URUBYIRUKO

A) Uko yatangiye

Iyo milyango yazanywe mu Rwanda n'abakuru b'amadini, akaba ali na bo bayifasha, ibyo bituma bayigira igikoresho mu iyamamaza ly'inyigisho z'amadini yabo aho kwibanda ku ntego yayo yo guteza urubyiruko imbere mu majyambere.
Uko ibihe byagiye bisimburana, amatorero amwe atangira kumva ibibazo nyabyo biraba urubyiruko rw'u Rwanda.
Muli ayo matorero, amwe aza kuzimangatana, bitwe n'ibibazo bituruka ku mutungo udahagije cyangwa ku kubura inzego nyobozi zihamye, andi na n'ubu aracyaliho.
Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ifatanya n'iyo milyango.
Dore imilyango yabayeho mu gihugu cyacu :

(a) Iyabayeho nyuma ikaza gusenyuka.
- IYARO (ihuliro ly'abajijurana ba RWESERO)
- TRAFADERWA (Umulyango wita ku mizamukire y'ingo)
- COCOCKI (Ishyirahamwe ndanga-muco y'i Kigali)
- HOME ETOILE
- COJER ishyirahamwe ly'abanyeshuli bo mu mashuli yisumbuye bo mu Ruhengeri)
- CERCLE D'AMITIE
- MEJAR (Umulyango w'urubyiruko wamamaza ivanjili)

(b) Izemewe n'ubu zikaba zigikora
- XAVERIS
- ASR : Umulyango w'abaskuti mu Rwanda
- JAC : Umulyango w'urubyiruko gatulika igamije guteza ubuhinzi imbere (abakobwa n'abahungu)
- JOC : Urubyiruko gatolika rw'abakozi (abahungu n'abakobwa)
- GUIDES : abaskuti b'igitsina gore
- UGA : Urubyiruko Gatolika rw'abakozi
- EUM : Umulyango mpuza-mahanga w'abiga muli Kaminuza

(c) Imilyango y'abanyeshuli (ikiliho)
- SECA : Umulyango w'abanyeshuli bo muli Afrika yo hagati
- AJECA : Umulyango w'urubyiruko rw'abemera Kristu
- JEC : Ishyirahamwe ly'abanyeshuli bo mu mashuli yisumbuye b'abakritu (abahungu n'abakobwa).
- MESSORWA : Ishyirahamwe ly'abanyeshuli bo mu mashuli yisumbuye bita ku mizamukire y'abaturage.

.../...

- EUN : Umulyango mpuza-mahanga w'abiga muli Kaminuza
- AGEUNR : Ishyirahamwe ly'abanyeshuli bo muli Kaminuza nya Rwanda

IMIBARE

| Amazina | Umubare w'abanyamuryango | | Aho iyo milyango yakwiliye | |
|---|---|---|---|---|
| | 1976 | 1981 | 1976 | 1981 |
| 1. JOC | 1.844 | 10.000 | Prefegitura 5 | Prefegitura 8 |
| 2. UGA | 1.000 | Ntabwo umubare uzwi neza | Prefegitura 2 | Prefegitura 2 |
| 3. JAC | 1.560 | Kimwe no haruguru | Prefegitura 3 | Prefegitura 10 |
| 4. ASR | 2.280 | Idem | Prefegitura 10 | Prefegitura 10 |
| 5. XAVERI | 12.000 | Idem | Prefegitura 10 | Prefegitura 10 |
| 6. GUIDES | - | 2.100 | - | Prefegitura 10 |
| 7. MESSORWA | 327 | - | Amashuli yisumbuye | |
| 8. AGEUNR | - | - | Kaminuza | |
| 9. EUN | - | - | Kaminuza | |
| 10. SECA | - | - | Amashuli yisumbuye | |

.../...

(B) Ibyagezweho mu myaka 10 ishize

(a) Inama, ingando-shuli, n'ingando zigamije ibikorwa

- Ingando igamije ibikorwa by'abasaveri yabereye i Bugesera
- Ingando igamije ibikorwa yateguwe na OCAM yabereye i GIHINDAMUYAGA
- Inama y'abasaveri mu rwego rw'igihugu yabereye ku KIMIHURURA
- Inama mpuzamahanga y'abajosiste muli Afrika yabereye ku KICUKIRO
- Ingando-shuli 2 z'abasikuti, imwe yabereye i MBURABUTURO, indi i BUTARE
- Ingando igamije ibikorwa yateguwe n'ishyirahamwe ly'abanyeshuli bo mu mashuli yisumbuye yo mu Rwanda yabereye i KIGALI
- Kongre ya 2 y'abanyeshuli bo mu mashuli ya Kaminuza yabereye i BUTARE
- Kujya mu ikoraniro mpuza-mahanga y'urubyiruko yabereye i BENGHARI ho muli Libiya, n'ikoraniro ly'urubyiruko mu bihugu bikili mu nzira y'amajyambere yabereye Alger ho muli Algeriya.
- Inama nkuru yateguwe n'umulyango w'abaskuti mu Rwanda yabereye ku GISENYI
- Kujya mu ngando zigamije ibikorwa, ziteguwe na OCAM yabereye muli Togo no kujya mu makoraniro y'urubyiruko i Tairé ho mu Bufaransa.
- Ikoraniro mhuza-mahanga ly'Abajosiste muli Afrika lyabereye i Kigali
- Ikoraniro ly'Abaskuti lyabereye i Kigali n'i Butare
- Ingando igamije ibikorwa yateguwe n'umulyango ugamije gufasha w'abanyeshuli biga mu mashuli makuru yabereye i SOVU
- Ikoraniro mpuza-mahanga muli Afrika ly'urubyiruko gatulika wita ku buhinzi lyabereye i KIGALI

(b) Ibikorwa byagezweho.

- Iyubaka n'irangiza ly'ikigo kirera urubyiruko rw'abakristu (C.F.S.) i Butare
- Gushinga ikigo kirera urubyiruko rw'abakristu ku Gisenyi (Gacuba II)
- Iyubaka n'irangiza ly'inzu y'abasaveri i Nyamirambo muli Kigali
- Gushyiraho ibigo bito bitsura amajyambere

Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, kuva yashingwa, ntiyigeze ihwema kunganira imilyango y'urubyiruko, ali ukubaha imfashanyo y'amafranga, ibikoresho n'izindi nkunga Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ntiyizigama mu gushaka icyateza imbere imilyango y'urubyiruko: ndetse ifata uruhare runini mu milimo iyo milyango ikora.
- ifasha mu kubaka ibigo birera urubyiruko.
- gushinga amashyirahamwe y'ubuhinzi, ubworozi n'imyuga.

.../...

## IMIGAMBI MISHYA Y'UBURERE NO KUBUMBIRA HAMWE URUBYIRUKO.

1. Ibikubiye muli pula ya gatatu y'imyaka itanu y'amajyambere.

Muli pula y'imyaka itanu y'amajyambere 1982-1986 Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yiyemeje kuzuza ubutumwa bukubiye muli disikuru-programu ya Prezida wa Repubulika yo kuwa 1 Kanama 1973 alibwo ubu:

- Kurera urubyiruko
- Kubumbira hamwe urubyiruko
- Gufatanya n'izindi nzego mu mikorere yaza porogaramo.

Kubyerekeye uburere bw'urubyiruko, hazashyirwaho abakozi ba Ministeri babifitiye ubushobozi, ihugurwa ly'abayobozi b'imilyango, n'amashyirahamwe y'urubyiruko.
Hateganijwe na none kwigisha no guhugura urubyiruko twifashishije ibigo bya Komine kandi hakigishwa no kwandika.

Ibyo kubumbira hamwe urubyiruko kugirango rukore kandi rugire umusaruro, hazashyirwaho kandi hashyigikirwe ibikorwa by'amashyirahamwe y'urubyiruko bifashishije shantiye z'urubyiruko. Izo shantiye zizigisha abayobozi bayo mashyirahamwe kandi bakore kugirango babone umutungo wibanze. Hazanononsorwa kandi imikorere y'ubuyobozi bw'urubyiruko muli Prefegitura no muli Komine kubulyo abashinzwe urwo rubyiruko barushaho gushyikirana no gufatanya n'imilyango y'urubyiruko.

Ibyerekeye gufatanya n'izindi nzego mu mikorere yaza porogarame, Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative igomba kwegeranya ibikorwa by'uburere nibyo kubumbira hamwe urubyiruko, ikanafatanya n'ibigo bitagengwa na Leta kugirango bige kandi bashake umuti w'ibibazo urubyiruko ruhura nabyo. Uko gufatanya kuzategurwa mu w'i 1985, umwaka wiswe "Umwaka w'Urubyiruko kw'isi hose".

2. Ibyagezweho mu nama z'urubyiruko zabereye muli za Prefegitura.

a. Imitunganyilize - gukangura

Urubyiruko rwatugejejeho ibyifuzo byarwo ku myifatire imbere y'ibibazo ruhura nabyo. Ibyo bikaba bishingiye ku kifuzo cyo kubona ubavuganira ku butegetsi bw'akarere kabo ndetse n'abahandi. Ugasanga urubyiruko rukeneye inama nkizo kugirango rwungurane ibitekerezo buli wese yumve ko bimureba.
Basanze ko ali ngombwa ko ishingiro lyaba amashyirahamwe y'urubyiruko. Tuziko ku rubyiruko 1.500.000 rutize n'urwagarukiye mu mashuli hagati, gusa 30.000 bibumbiye muli ayo mashyirahamwe.
Byaba ali ukwibeshya cyane tuvuze ko mu mashyirahamwe tuzasangamo umwanya w'urubyiruko 300.000. Ahubwo icyangombwa ni ukureba ukundi kuntu twabigenza, abali muli ayo mashyirahamwe bagaterwa inkunga, abafite imilima bakayihinga abafite akazi bagakora batikoresheje kubera ko imilimo yo gufatanya itarakomera mu gihugu cyacu.

.../...

Mu gihe uburyo bw'amashyirahamwe budashoboye kubumbira hamwe urubyiruko rwose, byaba byiza gukomeza umuco wa kera, utuma abantu bakibumbiye bagikorera hamwe n'ubwo umuco wa kizungu utera urubyiruko umutima udafite ishingiro wo kurarikira ibintu batabona bitewe n'uko nta bahanga n'ubushobozi buhagije bwo kubibona bafite n'umutungo wo kubigeraho. Gukorera hamwe no gufatanya byahozeho kera byatwibutsa imibereho y'abaturage cyane cyane urubyiruko rufite umurage w'imibereho y'abakurambere barwo. Uwo murage uzarutera kubaka imibereho mishya ishingiye ku muco wa kera kandi yitaye ku buzima bushya. Nanone uwo murage uzatuma urubyiruko rwifuza kwisungana atali ukugirango buli muntu ku giti cye yiyumvemo ko amerewe neza ahubwo kugirango abantu bagire ibikorwa bya kijyambere byazamura buli muntu ubwe kandi bagilira akamaro imbaga rusange.

Urubyiruko rushobora kwishyira hamwe muli Selire, Segiteri cyangwa se muli Komine rugakora ibi bikulikira :

- Gutunganya no gufatanya mu mashyirahamwe (ubuhinzi - ubwubatsi)
- agaciro k'umuco karande
- umuganda w'urubyiruko
- kwiga ibibazo rusanga muli Selire, Segiteri na Komine.

Indi ngingo urubyiruko rwagaragaje mu nama zahuje urubyiruko ni iyo gucengeza mu bantu ibibazo by'urubyiruko : abategetsi bakababakangura, impuguke zindi, ababyeyi ndetse n'urubyiruko ubwarwo rukabihagurukira. Impamvu zituma abantu badahugukira ibibazo by'urubyiruko ziteye kwinshi. Bamwe bagira umwete muke, abandi ntibamenye ibibazo by'urubyiruko, abandi bibwira ko bitabareba, abandi bakabura ubibahuguramo.
Niyo mpamvu mu guhugulira abantu ibibazo by'urubyiruko, kubibacengezamo, hakwiye kuba ubulyo bunyuranye, n'ubunebwe, ni ukumutera akanyabugabo. Abatazi ibibazo by'urubyiruko bakabyigishwa, abavuga ko bitabareba bakabumvisha ahubwo ko alibo bireba, abadahugukiwe mu bibazo by'urubyiruko bagahugurwa.

Urubyiruko rugaragaza neza impamvu ali abategetsi barwegereye, ali bababyeyi, ali n'urubyiruko ubwarwo batarahagurukira ibibazo by'urubyiruko, n'umuti wo kubibacengezamo. Ubu bulyo rero urubyiruko rwishyiliya ahagaragara bwo kurwanya ibibazo byabo byararushimishije. N'ubundi abantu bahugurana bashyira ahagaragara ibibazo byabo bakabishakira umuti, maze bakawushyira mu bikorwa. Bulya impamvu zituma umuntu agomba gukangurwa ni we ubwe ku giti cye ziba zishingiyeho; buli muntu cyangwa buli gatsiko ni ko ubwako gashobora gutsinda izo mpamvu; inama z'impuguke ziba gusa izo kumufasha mu gikorwa yiyemeje ubwe. Uko guhugulira abategetsi, ababyeyi ndetse n'urubyiruko ibibazo birureba; ntibizaba kubasanganiza amagambo ateguye (yaravuzwe bihagije); ahubwo hazaba ibiganiro bene gushaka bumva ibyo bibazo n'abashoboye kubungura inama. Muli ibyo biganiro, ababyeyi, urubyiruko hamwe n'abategetsi n'impuguke zako karere bagomba guhura bakigira hamwe ibibazo by'urubyiruko kandi bakabishakira umuti bakulikije ikigero cyabyo. Gucengeza ibitekerezo mu bantu ntibihagije kubibabwira, ugomba kubafasha nabo ubwabo kumvikana.

.../...

b. UBURERE

Ibyo urubyiruko rwivugira bigaragarira mu kibazo uko giteye : Kumenya gusoma no kwandika, kwigisha imigendekere y'ibigo by'urubyiruko, n'ibigo ntangarugero bitsura amajyambere muli Komini, abakozi, aho bakorera n'ibikoresho.

Kubyerekeye gusoma no kwandika n'irangiza lyabyo, urubyiruko rwasabye ko Ministeri yashyiraho ikigo kigisha gusoma no kwandika muli buli shyirahamwe. Kugirango nababyize batazabyibagirwa.

Kugirango urubyiruko rurusheho kumenya gusoma no kwandika, no kumenya amakuru yo hilya no hino mu Rwanda, abayoboraga inama basabye :
- akanyamakuru k'urubyiruko mu rwego rwa Prefegitura
- akanyamakuru k'urubyiruko mu gihugu cyose.

Urubyiruko rwasabye rukomeje ko amashuli agomba gukwira hose kandi akaba ayabose. Kubera ibyo rero muli buli Segiteri ya Komini hagomba kuba amashuli abanza. Komini ikigilira ishuli likuru lyihaliye.

Urubyiruko rwasabye kandi ko ibikorwa byarwo byaba ishingiro lyaho ruli kandi bigahura.

Rukeneye rero
- ibigo bya Komini ntangarugero
- ba goronome - ba veterineri
- abayobozi ba za koperative
- abayobozi b'urubyiruko n'imikino

Abo bakozi bose bagomba guterana bakarebera hamwe ibyo urubyiruko rwakwigira, rugakorera hamwe, Basabye bakomeje ko habaho amahugurwa y'abayobozi b'urubyiruko, kugirango bashobore kurangiza imilimo bashinzwe.

Kubyerekeye ibigo by'urubyiruko, urubyiruko rwababajwe n'uko ibyo bigo bitali mu turere twose. Basabye ko hashyirwaho ikigo kibumbye urubyiruko mu ma Komini atatu. Kigahugura urubyiruko rubumbiye mu mashyirahamwe, kugirango bagire umusaruro.

Twavuze haruguru ko abali bagize inama ali urubyiruko rw'amashyirahamwe. Birumvikana rero, impamvu ihugurwa ly'abayobozi n'abacungamali y'amashyirahamwe lyitaweho cyane.

Kulibo, uburere bugamije kuzamura ibikorwa bisanzwe, no gushyiraho ibindi bishya, ibyo bigo bigomba guhura nibyo bashobora gukora aho muli ako karere.

Inama y'i Ndago, ho berekanye ko kwigisha imyuga bigomba gufata igihe kirekire. Kubera ibyo urubyiruko rwasabye ko programu zaliho zagumaho aliko bagakulikiza akarere abiga balimo. Kugirango nibarangiza babone aho uwo mwuga bawukoresha.

Ubwo rero ibigo by'urubyiruko bizagira ibyiciro bibili :
- Ihugurwa ly'igihe gito lihaliwe urubyiruko rwo mu mashyirahamwe, bakihugura kugirango nibasubira iwabo bashobore gukora no kuzamura ibikorwa by'amashyirahamwe mu karere kabo.
- Kwigisha imyuga imyaka 2 cyangwa 3, iyo myuga ikorerwa mu karere ikigo gituyemo.

.../...

Ntibihagije kandi ko iyo myuga yabaho, hagomba kubaho amafaranga cyangwa se ibintu byintangiliro, byaba nk'ibikoresho, umulima cyangwa se ikindi. Ibyo kandi bikaba bitegerejwe kuli Ministeri y'Urubyiruko cyangwa se Komini. Ese iyo mfashanyo ntishobora gushakwa abana biga?

c) Kubumbira hamwe Urubyiruko

Kubyerekeye kubumbira hamwe urubyiruko, abali mu nama bababajwe no kubona Urubyiruko rudashyize hamwe.
Ugushyirahamwe w'Urubyiruko gutuma bashyira hamwe ingorane zabo, bityo bagashakira hamwe ibisubizo byatuma bashobora kwibumbira hamwe kuko ntawe ubumbira hamwe abo atabona cyangwa se badahuje ibibazo rusange mu milyango. Urubyiruko rufite ibibazo byo kurwanya, uretse ko rudashobora kubisobanura neza.
Imitunganyilize basaba igomba kubafasha korohereza ugushyirahamwe kw'abategetsi bo mu turere n'abayobozi ba Ministeri bashinzwe Urubyiruko.
Kugirango ibikorwa by'urubyiruko bishyigikirwe, abali mu nama basanze ko abashinzwe urubyiruko muli Komini bagomba gushyira hamwe kandi bagasura imishinga y'urubyiruko.
Urubyiruko rubabajwe no kubona abayobozi b'urubyiruko batabasura kenshi, bityo rugasanga rutitaweho, ntibumve n'ibibazo byabo.
Abategetsi bavuga ko Urubyiruko rusaba ibyo badafite: Imilima, ibikoresho, imyambaro ya siporo. Nubwo habuze ugushyigikirwa, ntabwo Urubyiruko rwiheba. Babona impande zabo ubushobozi bwo guhinga, gukora ubukolikoli, rugasaba ko barufasha kubigeraho bityo rukabona akazi. Urubyiruko rusaba Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative gusobanulira abategetsi ba Komini iby'Urubyiruko guteganya imikoreshereze myiza y'imfashanyo, gushyiraho ihugurwa n'inama kubashinzwe/urubyiruko no guha umwanya ukwiliye ushinzwe urubyiruko muli Komine.
Ibyifuzo by'urubyiruko bigaragaza neza ko igikorwa cya Ministeri kitaracengera mu byaro kuko abategetsi ba Komini nabo batabisobanukiwe neza. Abashinzwe urubyiruko ntacyo bakora kandi rufite ingorane kandi rusaba n'imfashanyo.

3. Ubulyo bushya buhugulira Urubyiruko amajyambere.

Ubu Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ilimo gusubira muli programu y'imyigishilize mu bigo by'Urubyiruko yifashishije ivugururwa ly'amashuli mu gihugu.
Twasanze ubu ibigo by'Urubyiruko bimeze nka CERAR zigengwa na Ministeri y'Uburezi.
Ni ngombwa gushyiraho kubulyo bunononsoye imigambi y'ibyo bigo by'Urubyiruko kugirango byo na CERAR byoye kwitiranwa ahubwo byuzuzanye. Ikigo cy'Urubyiruko kigomba kwigisha abana gikulikije akarere gituyemo.
Ikigo cy'Urubyiruko kigomba kuba aho Urubyiruko ruhurira, rufite imigambi imwe, aho urubyiruko rwo mu mashyirahamwe ashyira mu bikorwa inyigisho bahawe bakagira n'umusaruro ugaragara. Urubyiruko rurangije mu kigo cy'urubyiruko ruzahabwa imfashanyo ivuye mu bikorwa byabo kugira ngo icyo bazikorera mu gatsiko. Ibigo by'Urubyiruko ntibizakora kubulyo bwihaliye

.../...

ahubwo, bizakora nk'ibigo bigamije kurera no guhugura urubyiruko bigatsura amashyirahamwe, bikabagira inama, bakabaha n'imfashanyo.

## /UBURERE - UMUSARURO - GUKWIZA/

Ibyifuzo by'Urubyiruko:

1. Urubyiruko rwifuza <u>kumenya</u> :

   - imyuga - gusoma no kwandika, - kworora no guhinga kijyambere kugirango bagire umusaruro mwinshi.
   - guhugura abashinzwe urubyiruko, kongera umubare w'abashinzwe urubyiruko, kugira isuku, kwilinda indwara, kugira akanyamakuru.

2. Urubyiruko rwifuza <u>kugira</u> :

   - umulimo uruhesha amafaranga - kurya neza - kwambara neza - gutura heza.

3. <u>Urubyiruko rwifuza kuba</u> :

   - kubahwa - kugira icyo rukora mu mulyango - kugira icyo ruvuga mu migambi irureba cyangwa ireba igihugu.

Ntirushaka gusigara inyuma mu majyambere aho abize babita ingegera, aho abaturage babafata nk'abatagira umuco w'Igihugu.
Bashaka kwerekana ko bashobora kugira icyo bimalira n'imfashanyo nke y'Igihugu.
Mu migambi yo kurangiza ibyo bibazo no gushimisha ibyifuzo by'urubyiruko, Ministeri ishaka gushyiraho imiterere mishya mu gushyirahamwe urubyiruko mu bulyo bukulikira:

1. <u>GUSHYIRAHAMWE URUBYIRUKO KUGIRANGO RUJIJURWE NO KUGIRANGO RWONGERE UMUSARURO.</u>

Mu gihe gishize, twashakaga ko umubare w'amashyirahamwe y'Urubyiruko y'ushinzwe wiyongera ku bulyo ali kimwe cyerekana imikorere myiza/Urubyiruko muli za Komini.
Icyo cyifuzo nticyatinze kugaragara uretse ko habonetsemo adafite akamaro, vuba hakurwaho amwe muli yo kubulyo ku mashyirahamwe 1.761 mu 1976 hasigaye 1.483 mu 1980.
Ubwo twihatiye kugira amashyirahamwe afite icyo amaze aho kugira amashyirahamwe y'Urubyiruko byibura 2 cyangwa se 3 muli Komini buli mwaka; bizatugeza ku mashyirahamwe 1.430 akomeye muli iyi myaka itanu ili imbere. Ibyo ntibivuga ko tuzirengagiza andi mashyirahamwe, aliko tuzakoranyiliza hamwe n'ubushobozi bwacu kujyambere.

.../...

PROGRAMU ITEGANIJWE:

a) GUKANGURA ABASHINZWE URUBYIRUKO MULI ZA KOMINI NO MULI ZA PREFEGITURA.

- Hagomba kuba ubufatanye hagati y'izo nzego zombi
- Kumenyesha no gushyira hamwe abashinzwe urubyiruko mwitegurwa lya za programu no mwirangiza imishinga yateganijwe.
- Guteganya ihugurwa lihora dukoresheje inama no gutanga ibitabo byo kwihuguliramo, guteganya inama n'abakozi ba Ministeri.

b) KWIGISHA NO GUHUGURA ABAGIZE AMASHYIRAHAMWE Y'URUBYIRUKO

Kubaha inyigisho zibanze ku bayobozi b'amashyirahamwe mu byo bashinzwe, no gufata neza umutungo....
Iyo nyigisho (uburere) izatangwa mu ma Komini kimwe no mu bigo by'Urubyiruko (nko muli BUTAMWA).

c) GUHITAMO IBIKORWA URUBYIRUKO RUSHOBORA GUKORA MU CYARO NO MU MUJYI.

1. Gushaka imilimo urubyiruko rushobora gukora:
   - MU CYARO : Ubuhinzi n'ubworozi, ubukolikoli, ubucuruzi.
   - MU MUJYI : Gushinga za ateliye hilya no hino

2. Guteza imbere ubukolikoli mu ma Komini aho ubutaka butangiye kugenda butera cyane babanje kureba ibikwiranye na buli karere no kureba ukuntu byagulishwa.

d) GUFASHA AMASHYIRAHAMWE : ALI MU BIKORESHO, UMUTUNGO, ABAKOZI

- Gufasha abayobozi b'amashyirahamwe kuyobora neza imilimo bashinzwe.
- Gufasha amashyirahamwe kubyerekeye ibikoresho.
- Koroherezza igulishwa ly'umusaruro w'amashyirahamwe.

GUKWIRAKWIZA IBIGO BIGAMIJE KURERA NO GUHUGURA URUBYIRUKO BIGATSURA AMASHYIRAHAMWE.

Igihe iyo mishinga iteguwe neza kandi igakorwa ni byiza kuko urubyiruko ruli mu mashyirahamwe ruhabwa inyigisho kandi rukabumbirwa hamwe.
Plan 3 y'imyaka itatu izarangira tumaze gushinga ibyo bigo by'Urubyiruko.

UMUSOZO

- Inama za Komini z'Urubyiruko zateguwe na Ministeri y'Urubyiruko no zashyize ahagaragara ibibazo by'Urubyiruko rw'u Rwanda.
- Tuzi neza ko ikibazo cy'Urubyiruko ali ikibazo gikomeye kibangamiye ubukungu n'imibereho myiza y'igihugu kandi ibisubizo bagerageza ku gishakira nacyo kireba Urubyiruko.

.../...

Urubyiruko rutekereza ko ibisubizo alibo bizaturukaho bo, bagifite imbaraga, ibitekerezo bishyashya kandi ko alibo Rwanda rwejo. Ibibazo by'Urubyiruko bifite ishingiro, Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative n'abategetsi bo mu karere urwo rubyiruko rutuyemo bakwiye kubyitaho bakarebera hamwe uko babigisha no kubabumbira hamwe. Inama rusange yahuje abayobozi b'Urubyiruko yali igamije :

- gusesengura, guha agaciro programu y'ibigo by'urubyiruko no gufasha urubyiruko kwibumbira hamwe, kurebera hamwe politiki rusange y'ibigo by'urubyiruko n'ibikorwa bikomeye bitegura umwaka witiliwe uw'Urubyiruko 1985.

Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative izaba isigaje gukora uko ishoboye kugirango ikulikirane uko bizakorwa.